



IMFASHANYIGISHO YEREKANA UKO BACA N'UKO BAFATA NEZA IMIRWANYASURI



Mata 2023



**IYI NI IMFASHANYIGISHO
IKUYOBORA KANDI
IGUFASHA GUSOBANUKIRWA
BIRAMBUYE IBIKORWA BYO
KURWANYA ISURI**

Mata 2023

0. IRIBURIRO

Isuri mu gihugu cyacu ni ikibazo gihangayikishije kubera ibibazo itera harimo ko dutakaza ubutaka buhingwa bityo bikagira ingaruka k'umusaruro w'ubuhinzi, isuri yongera ibibazo by'imyuzure no gusenza ibikorwaremezo harimo imihanda, isuri ituma amazi y'imigezi yandura bigatuma imigezi yacu yandura bikagira ingaruka ku nganda zitunganya amazi yo kunywa ndetse n'inganda zitanga amashanyarazi. Isuri kandi yangiza ibidukikije. Isesengura rwakozwe ryagaragaje ko hari ubutaka bungana hafi na hegitaro ibihumbi magana tandatu (600,000 ha) bukenewe kurwanyaho isuri byihutirwa.

Mu rwego rwo gukemura ikibazo cy'isuri, Guverinoma y'u Rwanda yamaze gushyiraho Gahunda y'Igihugu Yihariye yo Kurwanya Isuri (National Program for Soil Erosion Control/ NAPROSEC) aho buri muturage wese asabwa guca imirwanyasuri mu isambu ye, iyo mirwanyasuri yaba ihari, agasabwa guhora ayisibura, ayitaho ndetse agateraho ubwatsi bufata neza iyo mirwanyasuri ndetse bukaba bwanaba ubwatsi bwamatungo. Umuturage kandi agomba kumenya uko bakora ifumbire y'imborera kuko nayo ifasha kubungabunga ubutaka no kongera umusaruro.

Iyi Gahunda y'Igihugu Yihariye yo Kurwanya Isuri ikuriwe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) ifatanyije n'Ikigo gishinzwe Umutungo w'Amazi mu Rwanda (RWB), bigafatanya kandi n'izindi nzego harimo Minisiteri y'Ibidukikije (MoE), Minisiteri y'Ubuhiinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA), Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), Ikigo gishinzwe Iterambere ry'Ubuhiinzi n'Ubworozi (RAB), Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Kurengera Ibidukikije (REMA), Ikigo gishinzwe Amashyamba mu Rwanda (RFA), Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) hakiyongeraho imiryango itegamiye kuri leta n'abandi bafatanyabikorwa mu iterambere.

Hari ibikorwa byinshi bishobora gukorwa mu kurwanya isuri harimo gutera amashyamba n'ibiti, guca imirwanyasuri irimo amaterasi y'indinganire ndetse n'imiringoti.

Iyi mfashanyigisho iragaruka gusa ku miringoti kuko ari yo abantu basabwa gushyira mu masambu yabo bikozwe na nyir'isambu, kwifatanya ku bafite amasambu yegeranye cyangwa biciye mu buryo bw'imiganda. Iyi mfashanyigisho kandi irasaba buri wese kugira ikimoteri cyangwa ingarani bimufasha gukora ifumbire y'imborera.

Dufatanye turwanye isuri, turengere ubutaka bwacu!

Murakoze!

ISHAKIRO

1.	AHO IMIRINGOTI YAKORERWA N'UBURYO YAKORWA.....	5
1.1.	UBWOKO BW'IMIRINGOTI.....	6
1.1.1.	Imiringoti idakomeje.....	6
1.1.2.	Imiringoti ikomeje.....	7
2.	GUPIMA UBUHANAME.....	7
2.1.	Gukora Ikadiri ya A (A Frame).....	7
2.2.	Ikadiri ya A (A Frame) ikorwa mu buryo bukurikira:.....	7
2.2.1.	Uko wakoresha Ikadiri ya A.....	8
3.	GUCA IMIRONGO N'DINGANIZABUHANAME.....	9
3.1.	Gupiketa.....	9
4.	UKO WAKORA IMIRWANYASURI.....	10
5.	GUTERA IBYATSI N'IBITI KU MIRINGOTI.....	11
6.	GUKURA ISAYO MU MIRINGOTI (GUSIBURA).....	12
7.	INTERA HAGATI Y'IMIRWANYASURI MURI RUSANGE.....	12
8.	UKO IMIRINGOTI IHINDUKA ITERASI.....	12
9.	UBURYO BWO GUHINGA HAGATI Y'AMATERASI.....	13
10.	KWITA KU MIRINGOTI.....	13
11.	IGIKORWA MU GIHE AHACUKURWA IMIRINGOTI HARI IMIYOBORO YIKOZE Y'AMAZI.....	13
12.	GUOKORA IFUMBIRE.....	14

1. AHO IMIRINGOTI YAKORERWA N'UBURYO YAKORWA



- Imiringoti ikorwa ahantu hafite ubuhaname buri hagati ya 5% na 12%. Ariko ishobora gukorwa kugeza ku buhaname bwa 30% ndetse kugeza kuri 40%. Ni ngombwa ko agronomie akora isesengura ryisumbuye bitewe n'aho imiringoti igiye gukorerwa
- Haterwa ibiti ku ruhande rwo haruguru aho bashyira igitaka baba bacukuye.

1.1 UBWOKO BW'IMIRINGOTI

1.1.1 Imiringoti idakomeje



Iyi ni yo myiza tugereranje n'imiterere y'igihugu cyacu.

- ✓ Igira uburebure bwa metero 4 kugera kuri 6 z'uburebure, santimetero 40 kugera kuri santimetero 50 z'ubugari na santimetero 50 kugeza kuri 60 z'ubujyakuzimu;
- ✓ Umuringoti utandukanya wa n'undi n'ubutaka bwa santimetero 50 bumenyerewe ku izina ry'intebe ya Agoronomie, ariko kikijweho santimetero 20 mu rwego rwo kugirango imirwanyasuri ibashe guhererekanya amazi igihe ari ngombwa;
- ✓ Imyiza iba ifite ishusho imeze nk'ikinyampande bita tarapezoyide. Kugirango igire iri shusho, impande zayo barazigarika ku buryo usanga hejuru hangana na santimetero 90 kugera kuri santimetero 110;
- ✓ Imiringoti yo ku murongo ndinganizabuhaname umwe yegeranye igomba kubusana ku buryo intebe ya Agoronomie y'uwo hepfo iba iteganye no mu cya kabiri cy'umuringoti wo haruguru;
- ✓ Umwanya hagati y'imiringoti utandukana bitewe n'ubuhaname n'ubwoko bw'ubutaka. Imbonerahamwe yo hepfo ni byo itwereka.

Igihe imirwanyasuri imaze gukorwa, ni byiza ko guhinga bikorwa bakurikije ubutambike kandi imirongo y'ibimera ikaba itambitse kuko bigabanya umuvuduko w'amazi.

1.1.2 Imiringoti ikomeje



- ✓ Si myiza kuko ishobora kuzura amazi agasandarira mu murima akahaca inkangu.

2. GUPIMA UBUHANAME

Gupima ubuhaname bw'umusozi hakoreshwia ibikoreshwia bitandukanye birimo Rujore, Kirizimetire, Tewodolite, igikoreshwia gifite ishusho y'lkadiri ya A (A-frame) n'ibindi. Aha turibanda ku lkadiri ya A (A-frame) kuko cyoroshye gukorwa no gukoreshwa n'umuntu ukeneye kurwanya isuri ku musozi.

2.1. Gukora Ikadiri ya A (A Frame)


2.2. Ikadiri ya A (A Frame) ikorwa mu buryo bukurikira:

- Shaka ibiti bibiri bifite umubyimba muto wafunganya n'ikiganza cyawe n'uburebure bwa metero ebyiri n'igice bisa gukoreshwa nk'amaguru y'lkadiri ya A;
- Shaka igitu cy'umutambiko gifite ubunini nk'ubw'ibyavuzwe haruguru n'uburebure bwa metero n'igice;
- Shaka imisumari itatu cyangwa irenga;
- Fatanya bya biti by'amaguru ahagana ku mitwe yabyo ku buryo hejuru hasigara santimetero 10 -15 kugira ngo bidasaduka;
- Tandukanya amaguru ya bya biti ku buryo hasi bitandukanya na metero ebyiri;
- Ahagera kuri kimwe cya kabiri cy'uburebure bw'amaguru y'ibiti tambikamo cya gitu cy'umutambiko ugiteremo imisumari gifatane na ya maguru, ku buryo impande n'impande hasigara santimetero 10 kugira ngo kidasaduka;
- Pima uburebure bw'umutambiko buri hagati ya ya maguru y'ibiti bibiri ugarabanyemo kabiri ushyire ikimenyetso hagati na hagati (nihitwa kuri zero);
- Zirika umugozi hejuru ku gasongero aho wahurije bya biti ku buryo umanukiramo hagati ukaganaga;

- Ku burebure bwa wa mugozi burenze aho umutambiko uri, zirihaho ibuye ritoya cyangwa igiti;
- Itegure gukoresha ikadiri ya A.

2.2.1. Uko wakoresha ikadiri ya A


i. Pima intera iri hagati y'amaguru y'ikadiri ya A (A-frame)




ii. Shyira ikadiriya A ku murongo umanuka, ukuguru kumwe kwayo hasi ku butaka ukundi ujye ukuzamura cyangwa ukumanure ukurikije urugero wifuza ko umugozi uhagararaho (hagati ku mutambiko w'ikadiri ya A).



iii. Zamura ukuguru kutari ku butaka kugeza ubwo umugozi uziritse ku ikadiri ya A uri muri zero cyangwa hagati na hagati ku mutambiko wo hagati w'ikadiri ya A.



iv. Pima intera (ubuhagarike) iri hagati y'ubutaka n'igiteroko cy'ukuguru kwo hepfo. Iyo nteria niyo yitwa RISE (Ubujyejuru).



- v. Koresha ibipimo ubonye kugirango ubare ijanisha ry'ubuhaname bw'umusozi (slope - s).
- vi. Ubuhaname bw'umusozi (Slope-S) = Ubujyejuru buri hagati y'ukuguru kw' Ikadiri ya A kwo hepfo n'ubutaka (d) ugakuba na 100, ukagabanya n'uburebure buri hagati y'amaguru abiri y'ikadiri ya A (h). Ni ukuvuga ko S= d^*100/h
- vii. Urugero:
- Ubujyejuru buri hagati y'ukuguru kw'ikadiri ya A kwo hepfo n'ubutaka (d) = santimetro 20 = santimetro 0.20
 - Uburebure buri hagati y'amaguru abiri y'ikadiri ya A = metro 2
 - Ni ukuvuga ko Ubuhaname (S)= metro 0.20* metro 100/2= 10. Ubuhaname bwandikwa ku ijana ni ukuvuga ko ari 10%
- viii. Kugirango umenye neza ko ibisubizo byawe ari ukuri, subiramo iyi nzira byibuze inshuro eshanu, ahantu hatandukanye gato ku murongo hanyuma uze kubara impuzandengo y'ibisubizo wabonye, kandi ubikoreshe nk'ijanisha ryawee.

Urugero: Upima ahahanamye inshuro eshanu ukabona ibisubizo bikurikira
4%, 3.8%, 4.1%, 4.2% na 3.7%.

Kubara impuzandengo, ongeramo imibare hanyuma ugabanye na 5 (umubare wibisubizo urimo ugereranya):

$$4 + 3.8 + 4.1 + 4.5 + 3.7 = 20.1$$


$$20.1 \div 5 = 4\%$$

3. GUCA IMIRONGO NTINGANIZABUHANAME

3.1. Gupiketa

- Shyira urumambo rwa mbere mu butaka ku murongo ugomba gushyirwaho imambo hanyuma ushyireho ikadiri hamwe washyize urumambo rwa mbere urundi urushyire inyuma y'ukuguru kwa kabiri ukurikije ahakwiye kuba hanyura umurongo ugaragaza ahantu hanganya ubutumburuke (contour line) nyuma yo kubona ko umugozi uri hagati no hagati ku mutambiko;
- Umutntu wegereye umugozi ayobora umwe ufashe ukuguru kw'ikadiri;

- iii. Uko ugenda azamura cyangwa umanura kugeza umugozi ufashe ku Ikadiri ugeze mu ikigero fatizo cy'ikadiri cyangwa hagati na hagati mu murongo utambitse aho benshi bita muri zero nk'uko twabivuze haruguru;
- iv. Shinga urumambo mu butaka;
- v. Komeza gusubiramo iyi nzira ari nako ukuguru kwa mbere kwimurirwa kuri buri rumambo rushya kugeza habaye umurongo w'ibiti (imambo) ku murongo umwe, buri m 3 cyangwa zirenga;
- vi. Iyo hamaze gushingwa imambo ku burebure runaka bushobora gufatwa nk'ifatizo ubutambike bw'umurima, habaho kugorora umurongo imambo zikagenda zimurwa zishyirwa mu murongo uhuriwemo n'imambo nyinshi.



Kugira ngo piketaje idatinda hari ubwo hifashishwa imigozi (imishipiri) bityo ikaba yakorwa muri buri metero 10 cg 20.

4. UKO WAKORA IMIRWANYASURI

- ─ Imirwanyasuri bayikora bahereye hejuru aho isuri ituruka (mu mpinga y'umusoz) bagana hepfo (mu kabande);
- ─ Niba aho umurwanyasuri uca hamaze kugaragara, ukora umurwanyasuri mbere yo gucukura agana mu bujyakuzimu;
- ✓ Banza ukureho ubutaka bwo hejuru bwera, bukunda kurangwa nuko harimo imizi y'ibimera bitandukanye, uburunde ku ruhande, hanyuma utangire gucukura.


5. GUTERA IBYATSI N'IBITI KU MIRINGOTI

- Ibiti birasabwa guterwa bitandukanye ku ntera ya metero 6 kugeza kuri 8;
- Ubwoko bw'ibiti bivangwa n'imyaka buzatoranywa hashingiwe ku buryo bibana neza n'ibindibihingwa ndetse n'ibyo abaturage bahisemo (Urugero: Kwirinda Eucalyptus spp, Pinus spp, N'ibindi);
- Ibiti bito bigomba guterwa hagati ya metero 2 na 3;
- Ubwoko bwibandwaho cyane ni ibinyamisogwe (Calliandra spp, Leucaena spp, Mimosa Scabrela,) n'ibindi byabana n'ibindibihingwa (Urugero: Glircidia spp, Acacia Angustissema, Senna Siamea, Senna Spectabilis n'ibindi);
- Hari kandi n'ubundi bwoko bw'ibiti bitoya bishobora guterwa ku murongo umwe mu ntera ya santimetro 0.5 (idafite napier hagati).

Ubwoko bw'ibyatsi biterwa cyane (ingeri 3 kuri metero) bitoranywa ku bw'inayungu 2 zishoboka zirimo ibyatsi by'amatungo (Setaria spp, Pennisetum spp, Brachiaria spp n'ibindi) cyangwa se ibindi byakwifashishwa n'isasiro (Vetiver spp).

Ibi bikurikira ni urugero rw'ibishobora gukoreshwa:

- ✓ Uruzitiro rw'uduti duto. Urugero: Leucaena na Calliandra;
- ✓ Napier, Vetiver n'izindi nzitiro zatewe hagati y'ubutaka bwahinzwe n'umurongo ndinganizabutumburuke (contour line);
- ✓ Ibiti bivangwa n'imyaka: Grevillea, Alnus nibindi.



Ibyatsi biteye ku mirwanyasuri

6. GUKURA ISAYO MU MIRINGOTI (GUSIBURA)

- ✓ Gusibura imirwanyasuri biba mu ntangiro y'Umuhindo no mu ntangiro y'Urugaryi hategurwa imrima yo guhingamo;
- ✓ Ni nabwo bagomba gutema ibyatsi mu rwego rwo kugirango bishibuke neza;
- ✓ Iyo umuntu ateme ibyatsi yirinda kubitemera hasi cyane ahubwo akabitemera kuri santimetero 10 uturutse ku butaka.

7. INTERA HAGATI Y'IMIRWANYASURI MURI RUSANGE


Ubuhaname	Intera hagati y'imirwanyasuri (m)	Ikindi cyakorwa	Ibindi bisobanuro
Munsi ya 15%		Gutera ibyatsi n'ibiti ku mirongo	
Kuva kuri 4% kugera kuri 6% by'ubuhaname bw'umurima	m 20		
Kuva kuri 6 kugeza 16%	10 m kugeza kuri 15 m		Biterwa n'imvura ihagwa muri ako gace cyangwa ingano y'amazi y'imvura ahaca. Aha kandi uko ugenda wegera ubuhaname bwa 16% ni ko intera uyigabanya kugera kuri 10 m
Kuva 16 kugera kuri 40%	7 kugeza ku 10 m		
Hejuru ya 40%	5 na 7m		Iyo bishoboka: Igihe hari ubutaka bukomeye kandi atari ahantu hagwa imvura cyane igomba

Aho bishoboka hose ni byiza ko amashyamba yakunganirwa n'imirwanyasuri icukuyemo mu rwego rwo kurwanya isuri.

8. UKO IMIRINGOTI IHINDUKA ITERASI

Binuze mu isuri gahoro gahoro no kugabana ubutaka mu mirima ifunze, ubutaka bwacukuwemo imiringoti bugenda buringanira buhoror buhoror kugira ngo bukore amaterasi

y'intebe. Kugira ngo ibi biggerweho, abahinzi bagomba gukora ibikorwa bisanzwe kandi bakongera uburebure bw'inkombe (embankment).



Itaka rishyirwa haruguru.

9. UBURYO BWO GUHINGA HAGATI Y'AMATERASI

- i. Ibikorwa byo guhinga bigomba kuba ku murongo ugereranije n'umurongo wimirwanyasuri;
- ii. Iyo guhinga, abahinzi bagomba guhinga kugeza kuri santimetro 20 gusa mbere yo kugera ku nkcombe;
- iii. Abahinzi bagomba gukora ibikorwa byo kuvugurura amaterasi muri buri gihembwe cyo guhinga;
- iv. Mu kuzamura uburumbuke bw'ubutaka, abahinzi basabwa gukoresha ishwagara n'ifumbire;
- v. Abahinzi bagomba guhinga intambike kugirango birinde kugenda bakora imikingo miremire uko bahinga.

10. KWITA KU MIRINGOTI

Buri gihembwe, kugeza amaterasi yikora ahindutse amaterasi ndinganire, hasabwa:

- ✓ Kubungabunga buri gihe inkombe kugira ngo hongerwe uburebure bw'urwo rugabano kandi hanakomeza ingamba z'ibinyabuzima nyinshi ku nkcombe;
- ✓ Igipe cyose kandi abahinzi bashinzwe iterambere ry'ibanze basabwa kugenzura niba hari ibyubatswe byangiritse bityo hagahita hasanwa byihuse;
- ✓ Imirwanyasuri igomba gusiburwa ku gihe hirindwa ko yasibamwa nk'uko byavuzwe haruguru;
- ✓ Ibyatsi byo ku mirwanyasuri ntibigomba gukatwa bitarakura kandi bigomba gukatirwa kuri santimetro 10 uturutse kubutaka;
- ✓ Imirwanyasuri ntigomba kuragirwamo amatungo kuko yona ibyatsi n'ibiti bigatuma bicika kandi yangiza imirwanyasuri ikayisenya igasibama.

11. IGIKORWA MU GIHE AHACUKURWA IMIRINGOTI HARI IMIYOBORO YIKOZE Y'AMAZI

Mu gihe aharwanywa isuri hari imiyoboro yikoze y'amazi, iyo miyoboro nayo irwanywamo isuri hagabanywa umuvuduko w'amazi. Bikorwa:

- ✓ Bateramo ibyatsi ndetse n'ibiti bitandukanye hibandwa ku byimeza muri ako gace n'ibindi byaboneka nk' Iimiravumba, Ibibonobono, Ibisheke n'Urubingo;
- ✓ Ahari imiyoboro yikoze minini hashobora guterwamo ibiti bikura byishyamba cyangwa ibivangwa n'imyaka ariko binini nka Alnus, Grevillea, Indakatsi, n'ibindi. Insina na zo zirakoreshwa mu rwego rwo kugabanya umuvuduko no kubyaza umusaruro ahantu hatwawe n'isuri;
- ✓ Kudakomeza kuhasatira bahinga ahubwo hagasigwa byibura metero 2 kuri buri ruhande rw'umuyoboro hagaterwa uwatsi bw'amatungo.

12. GUKORA IFUMBIRE


i. Guhitamo ahantu ho gukorera ifumbire

- ✓ Hitamo ahantu hatari umuyaga mwinshi;
- ✓ Hitamo ahantu hitaruye ingo z'abantu cyangwa atari hafi y'isoko y'amazi;
- ✓ Hitamo gukorera ikirundo cyawe ahantu hangana n'inthuro imwe n'igice z'ahantu ikirundo cyawe kija

ii. Ubwoko butandukanye ifumbire itunganywamo

Hari uburyo bubiri bwo gukoramo ifumbire:

- ✓ Gucukura icyobo (Ingarani)



Ubu buryo bukoreshwa ahantu hashyuha cyane nko mu burasirazuba bw'u Rwanda hirindwa ko ifumbire yakumagara ikanatakaza ibitungagihingwa biyirimo kubera izuba ryinshi.

- ✓ Kurunda ikirundo



Ubu buryo bukoreshwa mubice bikonja nko mumajyaruguru no mu burengerezuba. Mumajyepfo ubu buryo bwombi bushobora gukoreswa.

iii. Ifumbire y'imborera ikorwa ite?

Urifuza gutegura ikirundo cy'ifumbire y'imborera kizaguha nibura toni 10 iboze neza?

- ✓ Tegura ahantu hangana na metero 4 kuri 4,

- ✓ Kusanya ibikoresho byose bikenewe Ibyatsi cyangwa amababi y'ibiti (Kimbazi, Imihengeri, Lesena, Calliandra,...) cyangwa ibisigazwa binyuranye by'ibihingwa bibasha kubora nk'ibishogosho by'ibishyimbo, ibishangara by'insina, imyanda yo mu gikoni ibora, imyanda ikomoka ku matungo (amase, amaganga, amatotoro n'amahurunguru), ivu ryo mu ziko cg amagufa asekuye, ifumbire izakoreshwa, Imigano 4;
- ✓ Cagagura ukoreshheje Umuhoro ibisigazwa binyuranye by'ibihingwa cyangwa ibyatsi kugirango ushabore kubipanga no kubitsindagira mu buryo bworoshye. Ibi byose biba bigize nka 56% by'ikirundo cyowe cyose;
- ✓ Banza hasi amababi, amashami mato n'ibiti bikomeye nk'ibitiritiri by'Ibigori kugira ngo umwuka utembere neza mu kirundo;
- ✓ Ongeraho ibyatsi bibora ku buhagarike bwa santimetero 14 ugenda utsindagira. Nyanyagizaho amazi make;
- ✓ Kurikizaho amase y'inka avanze n'isaso, ibisigazwa by'ibiryo by'inka n'amaganga kugeza kuri santimetero 3 z'ubuhagarike. Ushaka gutega amaganga, ukora umuyoboro w'amaganga mu cyobo wacukuye ngo ujye uyategeramo, kandi ugasasa ibyatsi cyangwa ibisigazwa by ibyo inka zariye mukiraro ndetse no mundiba ya cya cyobo kizajyamo amaganga. Ibi kandi byo bigize nka 12% by'ikirundo cyose;
- ✓ Kurikizaho kimwe cyangwa imvange y'ibi bikurikira: amahurunguru, ivu, amatotoro y'inkoko cyangwa se amagufa asekuye hongewemo amaganga ku buhagarike bwa santimetero 2. Ibi biba bigize 8% by'ikirundo cyose.
- ✓ Ongeraho itaka ryiza cyangwa se ifumbire iboze neza kubuhagarike bungana na santimetero 6 hanyuma unyanyagizeho amazi kugirango bihehere. Ibi biba bigize 24% by'ikirundo cyose;
- ✓ Sanzagizaho ifumbire iboze neza. Shinga mu kirundo imigano 3 itoboye mu mpande kugeza kuri metero imwe y'ubuhagarike, uyhengamishirije ahanyuranye n'icyerekezo cy'umuyaga. Kora kandi ku buryo imigano iba ifunguye mungingo zayo ku buryo umwuka ushabora gutembera uturutse hasi kugeza hejuru, no guturuka hejuru ugeza hasi;
- ✓ Kora kuburyo imigano yawe iba ishinze guhera hasi mu kirundo, kandi uyishinge kimwe ku buryo buri mugano uba wihariye meterokare 3 z'ubuso;
- ✓ Kora ku buryo ntamwenge n'umwe wo mupande z'umugano ugera hanze y'ikirundo;
- ✓ Subiramo buri cyiciro nk'uko wabikoze mbere kuva ku ngingo "d" kugeza kuri "h" kugeza ugeze ku burebure busabwa bwa metero 1,5;
- ✓ Twikira ikirundo cyawe ukoreshheje amakoma cyangwa se ibyatsi byumye kugira ngo ukirinde kumagara;
- ✓ Mu duce dukonja, twikiriza n'itaka mbere yo gutwikirizaho ibyatsi byavuzwe haruguru kugirango imbere mu kirundo hakomeze gushyuha bityo ifumbire ibore vuba;
- ✓ Vomerera ikirundo cyawe nibura inshuro imwe mu cyumweru kugira ngo kigumane ubuhehere. ariko igahe cyose uvomerera kora ku buryo utagitosa bikabije;

- ✓ Hindura ikirundo cyawe nyuma y'ibyumweru bitatu kandi uvangavanga ibigize ikirundo. Nyuma y'amezi 3 n'igice ifumbire yawe iba iboze neza ishobora gukoreshwa ku buso bungana na hegitaro 1 kuko ikirundo cyategewe mu buryo ndetse n'ingano yavuzwe haruguru kiba gifite toni 11.2;
- ✓ Mu gihe umaze gukora ingarani (compost) yawe cunga neza niba nta mwuka uva mu myenge y'imigano yawe. Niba umwotsi usohoka kandi ushyushye, bivugako umwuka udatembera neza mukirundo cyawe cyangwa se gitose kandi udukoko dufasha mukuboa ifumbire dushobora gupfa. Ikitakubwira ko utwo dukoko turiho dupfa, uzumva uriya mwuka uhumura nabi; igihe bimeze bityo, hita uhindura ikirundo cyawe;
- ✓ Niba wumva uriya mwuka usohoka ushyushye buhoro ba uretse guhindura;
- ✓ Niba wumvise ukonje kandi nabwo, kuramo imigano uhindure ifumbire yawe kuko byerekanako ifumbire itari kubora.

Icyitonderwa:

- ✓ Ifumbire itaboze neza iba ifata ku ntoki kandi ifite impumuro mbi;
- ✓ Ifumbire idahumura nabi ariko idaseseka cyangwa itarekura neza igihe uyifashe mu ntoki zawe, nabwo iba itaboze neza;
- ✓ Ikiba kigoye mu gukora ifumbire ni ugushaka ibokoresho bihagije; itaka kuribona biroroshye ariko kubona ibyatsi bihagije bisaba gukoresha abantu bo muryango bose babishoboye bikarundwa bihagije;
- ✓ Ni byiza ko amatsinda y'abaturage yiga gukora ifumbire nk'umushinga wo kwijinjiza amafaranga kandi bakajya bikorera n'ifumbire yo gukoresha mumirimba yabo;
- ✓ Ubujyakuzimu bw'icyobo cy'ifumbire buba bungana na metero 1 naho ubugari ari metero 1.5 kugeza kuri metero 2, uburebure bigaterwa n'ingano y'ifumbire ushaka ibindi bigakorwa nk'uko byasobanuwe hejuru ku kirundo.

iv. Amafoto agaragaza itegurwa ry'ifumbire y'imborera



Ibyatsi bibora bimaze gushyirwa ku kirundo. Ikirundo kimaze kuzura kirimo gutwikirwa; Ifumbire iboze neza itegereje gukoreshwa.

Kurwanya isuri ni ibikorwabihoraho.

P.O BOX: 6213 Kigali- Rwanda | Twitter: @RwandaWater | Website: www.rwb.rw
Email: info@rwb.rw | Toll Free Line: 9977